

**IJAMBO RYA NYAKUBAHWA MADAME JEANNETTE KAGAME
MU MUHANGO WO GUTANGIZA IHURIRO RY'ABAHUNGU
B'ABANYAMURYANGO BA AERG**

AKARERE KA RWAMAGANA

22 UKWAKIRA 2016

Nyakubahwa Ministre;
Ntumwa za Rubanda ziri hano,
Governor w'Intara y'Iburasirazuba;
The Representative of the ONE UN,
Mayor w'Akarere ka Rwamagana,
Abahagarariye Ingabo na Polisi;
Ba Nyakubahwa Bayobozi ba Ibuka, AVEGA, GAERG na AERG.

Rubyiruko, basore, mwaramutse, muraho?

Uyu munsu nishimiye ko twongeye guhurira muri uru rugo n'urubyiruko rw'abanyamuryango ba AERG b'abahungu, mu gikorwa cyo gutangiza ibiganiro bigamije gukomeza kwiyubaka. Twakwishimira kandi ko abana nkamwe mugeze kuri uru rwego mukaba muri abasore basobanutse kandi tuzi ibibazo bitandukanye mwanyuzemo. **“Ukwibyara gutera ababyeyi ineza”!** Ababyeyi banyu rero mubateye ineza, Igihugu cyacu twese, mudutera ishema!

Hashize imyaka irenga itatu, ubwo twari hano mu ihuriro rya

bashiki banyu, ari naho basabye Imbutu Foundation kubagirira gahunda ya mentorship. Nagira ngo tureke guhabwa imidari irenze iyo twakoreye kuko ari bashiki banyu basabye Imbutu Foundation gutangiza iyi gahunda bakurikije akamaro byabagiriye. Muri urwo rugendo tumaranye nabo, tubaherekeza mu buzima bwabo bwa buri munsu, haje kuza igitekerezo cyo gushyiraho ihuriro rya basaza babo. Nagira ngo mbonereho kubaha ikaze, mu rugendo tugiye gutangirana.

Nk'uko bigenda rero, itsinda ry'abasore bake, rizajya rihuzwa n'umuntu twita "Mentor" muzakorana urugendo rugana ku ntego yo gukira ibikomere, gutera imbere mu myigire no mu yindi mibereho, kwiha icyerekezo ushaka no kukigeraho, n'ibindi mushobora gusanga ari ngombwa kandi bikenewe mu buzima bwanyu.

Mu mucu wacu, ntibikunze koroha ko abasore cyangwa abagabo bavuga akababaro kabari ku mutima. Ngo "**amarira y'umugabo atemba ajya mu nda**"! Kubona jenocide ufite munsu y'imyaka itanu, ni ishusho mbi ihora ikugarukamo umaze gukura. Kuri iyo myaka, ibintu byinshi, ubwonko burabibika, kandi bikagenda bigaruka uko umuntu akura. Ndahamya ko ababifitemo ubumenyi bazabisobanura neza kundusha. Tuzi

neza ko bamwe mugenda murwana nabyo, bikanabagora kubyisobanurira kuko icyo gihe mwari mukiri bato.

Iyo umuntu arebye imyaka mumaze muharanira kubaho, mufashanya nk'urungano, ntawatinya kuvuga ko mwahagaze gitwari ngirango mujye munabyishimira. Ni mugihe ko tunabivuga cyane ko uku kwezi, ari uko kugaragaza gukunda igihugu. Kugaragaza abanganaga namwe kirya gihe ubutwari bagaragaje kugira ngo bitangire igihugu cyacu, tukaba tugeze aho turi tubikesha abo batanze ubuzima bwabo. Niyo mpamvu nk'ababyeyi twiyemeje kubaba hafi, tugatekereza gukora iri huriro ryanyu, kugira ngo tubunganire. Imyaka itatu tumaranye na bashiki banyu, twabonye ko hakenewe n'abandi bantu bafite ubunararibonye, mu gukemura ibibazo by'ihungabana rituruka kuri jenocide, bikunganira “**mentorship**” kuko “ **ujya gukira indwara arayiganira**”. Duhereye ku rugero rw'umuryango mwita “ **famille**” muri AERG na GAERG , tukagenda ku byo twabonye mu matsinda ya bashiki banyu na ba “ **Mentors**” babo, dufite icyizere gikomeye ko ihuriro nk'iri, rizatanga umusaruro ukomeye kandi ukemura bimwe mu bibazo mufite mudatinyuka kuganiraho mu yandi matsinda.

Ngo “**Ugira umwumva aba agira amahirwe**”, twabonye ko

gutegwa amatwi n'umuntu wizeye, bishobora gutuma uherekezwa kandi ukagera ku ntego zakugoraga kugeraho. Aha navuga nko kongera amanota mu ishuri, kugutera inyota yo kuja gupiganirwa akazi ukanagatsindira, gufunguka mu mutwe ukabona amahirwe ari iruhande rwawe cyangwa ukanayashakisha. Aribyo uhagarariye ONE UN yasobanuye, ko iyo wiyemeje ikintu ukomeza kugihararira kugeza igihe ugaragarije ko wabishobora, aho waba uturutse hose. Muzabona kandi n'impinduka, mu mibanire n'abandi, no mu cyerekezo mushaka kuganamo (professional lives).

Urebye ingaruka za jenocide, n'izindi mpamvu zitandukanye mu buzima, kuvuga kw' ihungabana n'ihahamuka ntibikwiye gufatwa nka kirazira. Ntabwo mwabyiteye, nta nubwo mugomba guheranwa. Ntimukwiye kumva ko nta musore ukwiye kwerekana ko afite ikibazo cyangwa ko ababaye. Abantu bose, no ku myaka yose, ni ngombwa ko batekereza kuri iki kibazo, maze bakagana abafite ubumenyi n'ubushobozi, bakabafasha, kugira ngo bakire. Kwivuza ihungabana iryo ari ryo ryose, ntibikwiye kugira uwo bitera ipfunwe, kuko kuribana ari byo bikomeye kurusha kwivuza.

Iyo abantu bari hamwe nk'uku AERG yashinzwe, byatweretse ko

mushoboye kwishakira ibisubizo ubwanyu kuko “**Ak’imuhana kaza imvura ihise**”. N’uje kubafasha agasanga mufite inzira mushaka kunyuramo, abafasha muri urwo rugendo gusa ntabwo arubahangira.

Iri huriro kandi ribaye mu gihe AERG yizihiza imyaka makumyabiri (20) ivutse. Nagira ngo mbonereho kubifuriza isabukuru nziza no kudasaba guhorana ishyaka.

Insanganyamatsiko, twahaye iri huriro “**Strong and dignified**” (mu Kinyarwanda twavugaga “Kudadira no kwiha Agaciro”), byerekana rero icyo nakwita “**guharianira kubaho**” (**The spirit of resilience**) kwacu, ari nacyo cyaranze abanyarwanda, akaba ari nacyo kitugejeje aha, tugahagarara twemye mu ruhandu rw’amahanga nubwo twagize ibikomere bikabije.

Basore bana bacu, uru rugendo turutezemo byinshi nkuko twabivuze, ariko kugira ngo bizagende neza, turabasaba kwemera tukagendana, kuko uruhare runini ni urwanyu. Iri huriro nirirangira muzatangazwa no kubona ko yaba “**Mentor**” na “**Mentee**” buri wese, yafashije undi guhinduka, no kwiga byinshi mu buzima.

Sinasoza ntashimiye abemeye kutubera ba “ **Mentors**”, Ibitaro bya Kaminuza bya Kigali CHUK, ONE UN n’abandi bafatanyabikorwa, abazabaha ibiganiro, n’abanyamuryango ba AERG na GAERG bakuru babafasha muri iki gikorwa. Kubaka ubushobozi bw’uru rubyiruko ni umusanzu ukomeye, ku gihugu cyacu. Bikaba n’umugisha uturuka ku Mana no ku bacu bose twabuze, kuko aribwo bumwe mu buryo bwo kubibuka neza no kubaha agaciro.

Mukomeze guharanira kubungabunga Igihugu cyacu, muba abarinzi b’ibyagezweho, mwirinde inzigo ariko mugere ikirenge mu cya bakuru banyu bashinze uyu muryango.

Twubake u Rwanda ruhamye kandi ruharanira agaciro karwo “**Strong and dignified**”.

Murakoze.